# 303: Yesu, Mwungeri wanjye

1.

Yesu, Mwungeri wanjye, Nd' agatam' undagire. Byose ndabitinyuka : Nta wuzakunyambura!

2.

Mwami, waramfiriye Kera ku Musaraba : Mbonye n'ibikomere Mu biganz' unteruje.

3.

None,njye ngusingiza, Muri byose nkumvire I Urukund' umfitiye, Ni rwo runyishimisha.

4.

Yesu, Mwungeri mwiza, Non’ unyiyegereze !Mmenyereza noneho, Nzinukwe kuzimira!

5.

Mwami Yes’ unahorere, nshe mu nzir’ifunganyc; Nta cyo nanz' untegeke : Wow'uz’ ibinkwiriye!

6.

Ngez' ah’ uri mw ijuru, Ibijya binyobera,Ni ho nzabimenyera, Nshim' uko wandagiye !

Visit us at indirimbo.com